

ASTRIDA B.P. 99

UMUSOZO W'IKIBAZO : MUHUTU – MUTUTSI mu RWANDA

- 1.- Uko Abahutu bashinze icyo KIBAZO.
- 2.- Uko Abatutsi bashubije, n'uko bacyifashemo.
- 3.- Icyo Umwami n'inama nkuru y'Igihugu n'Abategetsu kavukire, bakivugaho.
- 4.- Umwanzuro (Conclusion) w'Icyo KIBAZO.

1. Uko Abahutu bashinze icyo kibazo.

Abahutu mu nzandiko nyinci kandi nziza, bandikiye Umwami n'Inama Nkuru y'Igihugu, nabo kandi ubgabo baribonanira, barabaza bati : Gatwa, Gahutu na Gatutsi ni bene Kanyarwanda ? Urwanda ni urwabo bose hamwe, n'Umwami w'Urwanda ni uwabo bose kimwe. None Impamvu bene Kanyarwanda badasangiye kimwe ibya Se ubabyara Kanyarwanda, ali we Umwami w'Urwanda na Leta Mbirigi imuyobora, kandi Urwanda ali urwa Bene Kanyarwanda bose, n'Ababyeyi babo : Umwami na Leta, bakaba bababyaye bose kimwe ???.

2. Uko Abatutsi bashubije icyo kibazo nuko bacyifashemo.

Abatutsi barihanukiriye basubiza abahutu, babicaho neza cyane, bababgira mu ngero nyinci kandi nyazo bati :

Nta buvandimwe bgacu n'Abahutu. Ntanayandi mahuliro yacu nabo, uretse ko imibanire yacu ali uko twabasanze mu Rwanda tubaruta, bakaza kudukwaho, tukabahaka kuva ubgo kugeza ubu.

Abatizanye ; twabahinduje umuheto : Twarabateye, twica abahinza babo, twigalurira ibihugu byabo. Uko byagenze byanditse mu Nganji Kalinga.

Kandi lero no ku Ngabe zacu : Kalinga, Cyimumugizi, Kiragutse, Mpatsibihugu, byanditsemo.

Bitya lero, ubgo twatsindaga ibihugu by'abahinza b'Abahutu, tukigalurira ibyo bihugu, tumaze kwica abami b'ibyo bihugu, no kubacuzza, imicuzo yabo (TROPHEES) tukayambika Ingabo zacu, nanubu zikaba zikiyambaye, **ali uko tuva inda imwe** ???.

(12 bagaragu bakuru).

3. Icyo Umwami n'Inama nkuru bavugaga kuli icyo Kibazo, bo hamwe n'abategetsu kavukire b'Urwanda = ABATUTSI (en majorité absolue).

Ikibazo cy'abahutu n'igisubizo cy'abatutsi, Umwami n'Inama Nkuru y'Igihugu, barabyakiye, byigwa iminsi milemire.

Iyiga ly'icyo kibazo lyashojewe n'Ijambo ly'Umwami (Discours de clôture). Yavuze ati : " Nimushakashake igiti kibi kera imbuto mbi zitandukanya Abanyarwanda : Gatwa, Gahutu na Gatutsi. Nimukibona kirandurwe, gicibge, gicannwe, cyoye gusiga n'agasigisigi ".

Ilyo Jambo ly'Umwami nilyo likivugwa ngo : " Nimwilinde Abateranya, abatagaranya, abanyarwanda : ngo ni abanzi b'Igihugu, ntibakwiye kukibamo ".

Abo se ni Bande ??? Mu ntekerezo z'Abatutsi benci, kandi banogamije umugambi, abo bateranya, batagaranya, ni ABAZUNGU, n'ABAHUTU ngo ABAZUNGU bavugiramo !
cf : Amabaruwa y'umugabo COSMA LEBERO n'Abagenzi be b'Iruhushya, na Bashebuja abereye SECRETAIRE,

cf : Ibaruwa y'abagaragu bakuru b'Ibgami, Ruzagiriza, Rwesa, Kibibiro, Biseruka, Shamukiga, Sekabga, Rwasha, Mukomangando, bati : " Ino nihohaba Leta yonyine ? N'abigisha ahandi ntibahali ? Turasaba muli bakuru b'i Gihugu, nicyo mwatorewe, nimutulebere abantu bahora batera impagarara mu Rwanda, ntimwabadushakira ?».

Umwami w'Urwanda yarabihuhuye : Taliki 19 ya febuari 1959, yavugiye Astrida i Ngoma, mu Rukiko rwa Territoire, imbere ya Rubanda ruteranye ati : " Nimwilinde abateranya, abatagaranya Abanyarwanda ", yavuze nili Jambo ati : " Abazungu baje kutulera, ntibaje kudukira : ni Abarezi bacu, nti tuli abagaragu babo, nti tuli abaja babo ". Ilyo Jambo ly'Umwami, abatutsi baralyishimiye cyane, balikomera mu mashyi cyane, Umwami nawe arabikomeza ati : " Murajye mubimvugira no mu bandi, kandi mbivugiye mu ruhame, imbere y'Umujyanama wanjye, na Administrateur wanyu ".

Uko abatutsi, Abategetsu nabatalibo batwaye amagambo y'Umwami, n'uko bayakwiza hose mu Ngabo, sinziko aliko Umwami yashakaga ko babigenza ! Uko babitwaye kose : KAZI YABO !!!

Abatutsi barakwiza hose amakuru ngo : Umwami yacyambuye abazungu ; ngo ni Abarezi si Abategetsu ; Umulimo w'umulezi n'ukumenya umwana alera, iyo ali muto niwe umuheha, akamumyira, akamwambika, akamugabulira, akamukarabya, akamubgiriza buri kintu. Nta tegeko ly'Umurezi, umurezi ni umugaragu ni umuja. Bati : Umwami yaciye Gitera, n'abo bafatanije, ali Abera ali abirabura, ngo ni abanzi b'Igihugu, ntibakwiye kukibamo. Ibingibi kandi Umwami azi neza ko aliko babivuga.

Umusozo (Conclusion) w'icyo Kibazo Muhutu, Mututsi mu Rwanda.

Iyo Abalinzi bagiye inama, inyoni zijya indi. Abatutsi banogamije umugambi. Inama yabo ni " MURAHARE byose aho guhara INKA ".

Inka ni Umushumba = Umushumba ni Umuhutu. Ubgo lero, Abatutsi biyemeje guhara BYOSE, aho guhara ABAHUTU (Serviteurs).

Abatutsi bikomye Abazungu, kuko alibo bacogojwe ubukana bgabo, bakagabanya ububasha bg'Abatutsi ku Bahutu : Ubuhake, uburetwa, amaturo, indabukirano, bitugukwaha, noneho ndetse n'AKAZI.

Baravuga batakihisha ko : alibo bateranya, batagaranya Abanyarwanda, kandi umulimo wabo ali : ukulera.

Abahutu lero nabo, ubu bujuje INAMA, bati : Aho guhara Amagara tuzahara inka, Amagara ntagurannwa amagana. Bati : " Ntabgo Ingabo (imibili y'imicuzo) zaba SOGOKURU, zanaganu ku Ngabe za bene Gatutsi, ngo dupfukame dusenge ".

Ubu Abahutu baliremye. Bafite Imilyango ikomeye, ifite amategeko yayo azwi kandi yemewe na Leta. Bafite ISHYAKA likomeye, kandi litazasubira inyuma. Bafite IBENDERA iyabo : Ishyaka ly'Abahutu, Isuka n'Umuhoro. Bene gahutu, nitwe, turemye Urwanda dutema ishyamba, tugize Urwanda. Intwari yacu ni Isuka n'Umuhoro, nizo tuzatsindisha INYANGA - RWANDA

Lero, Mwana wa Gatutsi, uko wabyivugiye ngo Ntabuvandimwe bgawe n'Abahutu : Biraguhame ! Mugabo, uli Umugabo, wabera noneho wavugishije ukuli kuzuye. Uwo wambuye ibyo yali yambariye, uwo wanyanze ubugingo ukabgambika, ingabo zawe, koko ntabuvandimwe nabusa mufitanye, ntabwo muteze kugirana, ukimutunze ku giti nk'inyama yo kotsa!

Amagambo ngo Tuli imbaga y'Inyabutatu ijya imbere, tuli abanyarwanda twese, tuva inda imwe, kandi ukuli kw'ibintu kwigaragaza imbere ya Rubanda rwose, rwera n'Urwirabura, ni AMAGAMBO MASA !

Bityo lero ? Mwana wa gahutu, ntiwishiriye amazeze ???

Gukunda ikitagukunda si imvura igwa mu ishyamba !

Wihomye bene Gatutsi ngo muva inda imwe : ubgo se ntibakugaragarije neza ukuli kw'ibintu. Mupfana iki kindi, atali uko uli Umuja iwabo ?

Ko babikugaragarije mu ngero nyinci, bakalinda no kubyandika ku Ngabe zabo, nanubu bikaba bicyanditseho, nkubgo wowe, hali umwizero wundi usigaranye, muli bene Gatutsi.

- Ntiwiyumvira Shefu, na Sushefu, ewe na Jugi, b'Abatutsi, ayo bavuga, kandi ali Abakozi (fonctionnaires) b'Igihugu ??? – Ntibabifasha hasi, bakikolera POLITIQUES z'IGICE cyabo ???

Nawe, wigumya gucurika umutwe, nk'IBIKOKO ! Egura amaso, leba IBENDERA lyawe, menya Ishyaka ly'Abahutu : ni libe Ishyaka lyawe.

Hobera intwari za ba SOGOKURU : Isuka n'Umuhoro ; barwanire ishyaka.

Kwihorera nibibi, Gatutsi yarakwiciye, nawe arakwica : nubu araguhigira ubutitsa !

Wowe, ntuzamwicire, cyanga ngo umwice. Ahubgo MWICE HO ! Mubise ? Muzibukire, wimwikwegaho, atakugira uko yagize BASOGOKURU. Muhunge ? muhungire kuli NYAKUGIRA IMANA KAZUNGU.

Gatutsi we yita Kazungu, UMUREZI, UMUGARAGU, n'UMUJA. Wowe, menya neza ko, KAZUNGU ali UMUKIZA WAVE.

Buri muni jya Ushima Imana yazanye Kazungu i Rwanda, inkota ya Nyirayuhi igasubira mu rwubati, Senya urwawe unyubakire, na Sohoka ninjire, bigacogora !

Mwana wa Gatutsi, TURAKWIYAMYE ! TWIZIGIYE LETA MBILIGI na O.N.U. na KILIZIYA nibituberemo ! Ntabgo Ingabo zaBATA zanagera, ngo dupfukame dusenge !!!

ISHYAKA LY'ABAHUTU.